**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GIHAMAGAZA UWATOROTSE UBUTABERA**

Umunsi wa 17 w'Ukwezi kwa Mutarama, Umwaka wa 2023,

Twebwe MUTETELI Constantine, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na UWITONZE Emmanuel, Umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona urubanza RP 00013/2021/TGI/NGOMA ruregwamo HABINEZA Alphonse mwene NYIRAMUHIRE na MUGIRANEZA, wavutse mu 1978, utuye mu mudugudu wa Gishandaro, akagari ka Nyamugari, Umurenge wa Mugesera, akerere ka Ngoma, Intara y'iBurasirazuba, mu Rwanda, ufite ID Nº: 1197880131209070, akaba aregwa n'Ubushinjacyaha icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n'icyaha cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe, ibyaha biteganywa kandi bigahanwa n'ingingo za 121 na147 z'Itegeko nº68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu,

Tumaze kubona yararegewe urukiko yaramaze gutoroka ubutabera nk'uko Ubushinjacyaha bubigaragaza,

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,

DUTEGETSE ko **HABINEZA Alphonse**, yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye uyu munsi iki cyemezo gifatiweho, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko akazaburanishwa adahari tariki ya **06/03/2023** saa tatu za mu gitondo **(09h00)**.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kandi kigatangazwa kuri *website* y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

**MUTETELI Constantine** **UWIITONZE Emmanuel**